

## **REPUBLIKA Y'U RWANDA**



## **KAMINUZA Y'UMUTARA**

P.O. Box: 57 Nyagatare – Rwanda  
Tel: (250) 565190  
Fax: (250)565193  
Mob : 08777744  
E-mail : [umutarapoly@rwanda1.com](mailto:umutarapoly@rwanda1.com)  
Website : [www.umtarapolytech.ac.rw](http://www.umutarapolytech.ac.rw)

## **IGITABO GIKUBIYEMO SERIVISI ZIHABWA ABATURAGE NA KAMINUZA Y'UMUTARA**

**Ukuboza, 2011**

## **IRIBURIRO**

Nejejwe no kubagezaho iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage na Kaminuza y'Umutara ( UP).

Iki gitabo cyateguwe hashingiwe kuri Gahunda y'Igihugu y'Ivugurura rifite icyerekezo cyo kuzamura ubushobozi bw'abakozi n'ibigo, hagamijwe kandi gutanga serivisi zinoze hanagerwa ku ntego nkuru y'Iterambere ry'Igihugu. Nanone ibi bigakorwa bigamije gusubiza ibibazo by'abaturage, bigakorwa mu mucyo kandi abantu bakabazwa ibyobakora.

Iki gitabo kigaragaza uruhare rwa Kaminuza y'Umutara mw'itangwa rya serivisi mu Rwanda kikanerekana serivisi zitangwa ibikenerwa kugira ngo uzihabwe. Kikagaragaza kandi urutonde rw'aho izo serivisi zitangirwa n'ibyo amategeko yemerera umuntu kugira ngo abone izo serivisi.

Ishyirwaho ry'iki gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa abaturage ryerekana ubushake Kaminuza y'Umutara ifite mw'itangwa rya serivisi nziza kandi zihuse.

**Dr GASHUMBA James**

**Umuyobozi wa Kaminuza y'Umutara**

Iki Gitabo kigaragaza serivisi UP igenera abayigana. Ni muri urwo rwego musanga gikubiyemo serivisi zitandukanye n'aho zitangirwa, uburyo zitangwa, igihe zitangirwa, n'Uburyo abatanyuzwe na Serivisi bahawe banyuramo bagaragaza ibibazo kugira ngo barenganurwe. Iki gitabo kigaragaza izi ngingo zikurikira:

- Icyerekezo n'Intego bya UP byerekana ubushake bwo gutanga serivisi nziza kandi zinoze muri ubu buryo bukurikira:
  - Ubunyangamugayo
  - Hubahirizwa amategeko
  - Mu bwitonzi n'Ubupfura
  - Mu bwumvikane
  - Mu kuri no kudatoranya
  - Mu mucyo
  - Kugaragaza ibyo ikora
  - Gukorera ku gihe
  - Gutanga serivisi nziza kandi ku gihe cyabigenewe.
- Isesengura rya serivisi zitangwa na UP:
  - Kugaragaza neza serivisi zitangwa na UP,
  - Kwerekana Ishami serivisi zitangirwamo. Muri ubu buryo Abaturage bazamenya neza Ishami cyangwa Ibiro bagana, bityo bahabwe serivisi badatakaje igihe n'Ingufu zo gutegereza;
  - Kugaragaza igihe nyacyo bitwara buri serivisi itangwe. Ibi bizaha abaturage amakuru y'ingirakamaro bibarinde guhora mu nzira no gukubita amaguru y'ubusa.
  - Gushyiraho ibipimo bya serivisi nziza hagaragazwa amasaha bitwara kugira ngo umuturage abone iyo serivisi, uburyo izo serivisi ziboneka, ukuri kuba kuri mu itangwa ry'izo serivisi, icyizere cyo gukomeza kubona izo serivisi, niba umuturage ashobora kuyigeraho, uburyo yumvikanishwa, mu kuri, uburemere bifite n'ubwitonzi mu gutanga serivisi; Hashingiwe kuri ibi, Abaturage bashobora kwizera gutera imbere
  - Amakuru nyayo ku nyandiko zisabwa n'uburyo bwo kubona serivisi muri UP. Urugero, ibyangombwa bikeneye kwerekanywa, n'impapuro zigomba kuzuzwa n'umuturage ushaka serivisi.
- Gusobanura neza Abaturage, ibyiciro by'abantu bemerewe kwaka buri serivisi itangwa na UP.
- Kugaragaza Abakozi bashinzwe gutanga izo serivisi n'aho babarizwa ndetse n'uburyo bwo kubahamagara cyangwa kubandikira igihe bibaye ngombwa.
- Uburyo bwo kurenganurwa igihe udahawe iyo serivisi cyangwa se uburyo wayihawemo butakunogeye.
- Uko umuturage ashobora gutanga inama n'ibitekerezo ku buryo buhoraho hagamijwe guteza imbere no kunoza imitangire ya serivisi muri UP.

- Amakuru n'uburyo bwatuma serivisi za UP zimenyekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera.

Iki Gitabo kirimo serivisi zihabwa abaturage ni igikoresho cyo kugeza amakuru ahagije kandi asobanutse ku bagana serivisi za UP no gushyiraho ibipimo hagamijwe kwimakaza umuco wo gukorera m'ukuri Nzego za Leta. Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kizatuma abagana serivisi za UP bazahabwa serivisi zihuse binarandure umuco wo gutinza serivisi byagaragaraga mu itangwa rya serivisi mu Nzego za Leta.

Hashingiye ko serivisi zigomba kujyana n'ibyifuzo by'Abaturage, UP yiyemeje kubamenyesha Serivisi bashobora gusaba, inshingano n'uburenganzira bwabo igihe bashaka izo serivisi.

Kubera ko UP isanga itakora ibi yonyine, niyo mpamvu isaba Abaturarwanda guhoza ijisho ku bakozi bayo kugira ngo bakorere ibibakwiye, bibereye, kandi bifite ireme no gutanga amakuru asobanutse kuri serivisi bifusa no gukuraho inzitizi zose zatuma itangwa rya serivisi ridatera imbere.

Mu by'ukuri, kugira ngo ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi rishoboke, UP yizeye ko hazakomeza kubaho ubufatanye no guhana amakuru n'abaturage bayigana bashaka serivisi. Kubera iyi mpamvu UP yashyizeho uburyo bunoze bwo bwo kugisha inama abagana serivisi zayo:

- Ifishi cyangwa urupapuro byandikwaho ibitekerezo n'inama zitangwa muri buri shami;
- Agasanduku k'ibitekerezo kaboneka aho binjirira;
- Umunsi w'imurikabikorwa
- Amatsinda ngishwanama ahuriwemo n'abagana serivisi za UP
- Umurongo wa telefoni utishyurwa;
- Gukora anketi n'iperereza ku bagana serivisi za UP gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe
- Uburyo bwo kurenganurwa no gukemura ibibazo bugaragaza inzira abagana UP banyuramo batanga ibitekerezo kuri serivisi bahabwa.

Iki Gitabo cyerekana neza ingamba zafatwa igihe serivisi zidatanzwe uko bikwiye. Niyo mpamvu rero UP ishishikariza abagana serivisi zayo gutanga inama ku bibazo babinyujije mu buryo buhari bwagenwe bwo kugaragaza ibibazo, bworoshye gukoreshwa kuri buri wese. UP izakira ibyo bibazo by'abayigana ibigire ibyayo ikabikemura kandi mu gihe kitarambiranye. Mu buryo bushoboka, igihe cyo kwakira no gukemura ibibazo cyashyizweho. UP irifuza gufatanya mu buryo bunoze n'abayigana mu gukemura ibibazo by'imitangire ya serivisi. Izi ngingo z'ingenzi nizo zizubahirizwa mu gihe cyo gushyira mu bikorwa iki gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na UP:

- Gutangiza uburyo buhoraho abasaba serivisi batangamo ibibazo. Uburyo bushoboka buzakoreshwa bugizwe n'urubuga rwa interineti, kohereza ubutumwa bwanditse kuri telefoni, no gukusanya amakuru

ku basaba serivisi aho zitangirwa, udusanduku tw'Ibibazo, iyakure hamwe na telefoni.

- Kugena abashinzwe gukemura ibibazo no kwerekana uburyo bwo gukemura ibibazo imbere hagamijwe gukemura buri kibazo bakiriye.
- Gushyiraho uburyo bugezweho bukoreshwa imbere muri UP mu gutondeka ibibazo. Ibibazo bishoboka ko byakwandikwa mu buryo busanzwe cyangwa ubushobozi bwaboneka, hagakoreshwa mudasobwa mu buryo butuma ibona igihe nyacyo cyo guhuza imibare.
- Gushyiraho ingengabihe yo gukemura ibibazo, harimo n'igihe cyo kumenya kwakira ibibazo, igihe gikenewe cyo kurangiza iperereza kuri buri rwego, n'igihe cyo kumenyesha abasaba serivisi aho UP igeze mu iterambere.
- Kwemeza uburyo buzakoreshwa mu gihe habayeho kutubahiriza ibipimo mu itangwa rya serivisi.
- Gushyiraho uburyo bwo gukurikirana no kugenzura inzira zo gusesengura imibare n'imiterere y'ibibazo by'abatishimiye serivisi bahawe.

Mu rwego rwo gushyigikira guhanahana amakuru, inama no kungurana ibitekerezo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo, UP yi yemeje gukoresha itangazamakuru n'ikoranabuhanga rishya, n'ubundi buryo bugezweho nk'ubutumwa bwanditse kuri telefoni, umurongo wa interineti, n'ubundi nka twitter na facebook, n'ibindi binyuranye, cyangwa uruhurirane rw'iyo miyoboro y'ikoranabuhanga.

Mu guteza imbere imitangire ya serivisi, UP iteganya gukoreshwa ibikoresho tekiniki zikurikira mu ishyirwa mu bikorwa ry'iki Gitabo gikubiyemo serivisi zihabwa Abaturage:

- Gukora iperereza hagamijwe gukusanya no kumva icyo Abaturage bavuga kuri serivisi bahabwa;
- Gukurikiza ibyiza byakozwe ahandi;
- Isuzumamikorere;
- Amahugurwa, gucunga no kongera ubumenyi;
- Guha ubushobozi no gutanga uburenganzira ku nzego zo hasi zitanga serivisi;
- Kwihiutisha ikemurwa ry'ibibazo byabagejejeweho;
- Gucunga amakuru.

Hashingiwe ko amakuru ari inkingi nkuru mu gushyirwa mu bikorwa no gukurikirana uko serivisi zigera ku baturage, iki Gitabo gikubiyemo serivisi zitangwa na UP kizagera ku baturage hifashishijwe uburyo bunyuranye bw'itumanaho no guhana amakuru, bityo gitangazwe ku mugaragaro binyujije we ku rubuga rwa interineti, radio, ibinyamakuru n'izindi nzira zishoboka kugira ngo kigere ku bantu bose. Kubera iyi mpamvu, UP irashaka gukoresha iyi miyoboro ikurikira hamwe n'uburyo bwose bwatuma serivisi zimyenekanishwa kandi zikajya ahagaragarira buri muturage wazikenera :

- Serivisi ishinzwe kwakira abagana Inzego no guhuza amakuru.

- Umunsi w'Imurikabikorwa /Umunsi wo kugaragaza ibyagezweho
- Gutegura no kunyuza mu icapiro inyandiko n'ibikoresho byamamaza:
  - Inyandikompine zitandukanye zamamaza,
  - Ibyapa
  - Ibiganiro mbwirwaruhame cyangwa bigenewe abanyamakuru
- Kwandika no gusohora udutabo: gukora inyandiko zamamaza cyangwa udutabo. Amakuru ari muri utu dutabo agomba kuba asobanura ingingo nyazo, zisobanutse kandi yoroshye kumva. Izi nyandiko zikazajya ziboneka ku buryo bworoshye;
- Gusohora Igitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kikamanikwa imbere y'Ibiro kikanashyirwa ku rubuga rwa interineti;
- Kubinyuza mu matangazo no kubicisha mu binyamakuru bitandukanye;
- Ubutumwa bwo gucishwa kuri radiyo na televisiyo;
- Ibiganiro mbwirwa ruhame kuri radiyo na televisiyo;
- Interineti n'Uburyo buhoraho bwo kuvugurura imiyoboro n'imbuga za interineti z'Inzego za Leta:
  - Gushakisha imiyoboro
  - imbuga za interineti rusange
  - imbuga za interineti ahuriweho n'Inzego zitandukanye
  - urubuga rwa interineti rwihariye
- Ubutumwa bugufi bwanditse buyobora abantu aho bajya bagahabwa serivisi;
- Gukwirakwiza kopi z'nyandiko mu bahagarariye inzego za Leta n'abafatanyabikorwa;
- Amakuru mu binyamakuru;
- Inama n'ibindi bikorwa bigamijwe guteza imbere itangwa rya serivisi.
- Amahugurwa agamije gutanga imirongo migari ku bakozi n'ababahagarariye ku birebana n'itangwa rya serivisi.
- Ubundi buryo (urutonde rw'inyandiko, n'ihuriro ry'Imbuga za interineti).

Muri make, Abagana serivisi zacu bagizwe n'Abaturage, Inzego za Leta, Abashakashatsi, Abanyeshuri, Inzego zigenga, Abaterankunga, Imiryango mpuzamahanga, Inzego z'ibanze, n'Abaturarwanda muri rusange.

### **Ibyo Twiyemeje gukorera abagana serivisi zacu:**

Iki Gitabo gikubiyemo Serivisi zihabwa Abaturage kigaragaza ubushake bwa UP bwo kuba indashyikirwa mu guha Abaturage n'abafatanyabikorwa serivisi zinoze kandi mu buryo bwiuse. Ni muri urwo rwego twitangiye

kubaha serivisi neza uko bikwiye, mu mutuzo n'umutekano kandi mu bushishozi. Tuzaharanira gutanga serivisi zacu mu bunyangamugayo.

### **Ibyo dutegereje ku bagana serivisi zacu:**

Kugira ngo tubahe serivisi neza, mwadufasha kuzamura imikorere mu buryo bukurikira:

- Gufata neza abakozi ba UP mu bwitonzi kandi mubahesha icyubahiro;
- Kubaha amategeko n'amabwiriza agenga Imitangire ya serivisi mu Nzego z'Uburezi;
- Gutanga inama ku buryo kunoza serivisi zitangirwa muri UP;
- Guhanahana amakuru ku buryo serivisi zitangwa muri UP binyujijwe mu miyoboro inyuranye ry'itumanaho rikoresha Ikoranabuhanga rigezweho;
- Kwakira ibibazo byose, inama n'ibitekerezo birebana na buri serivisi no kubishakira ibisubizo bikwiye.

### **Aho wabariza:**

#### **KAMINUZA Y'UMUTARA**

P.O. Box: 57 Nyagatare – Rwanda

Tel: (250) 565190

Fax: (250)565193

Mob : 08777744

E-mail : [umutarapoly@rwanda1.com](mailto:umutarapoly@rwanda1.com)

Website : [www.umutarapolytech.ac.rw](http://www.umutarapolytech.ac.rw)

Tuzakira, twemere kandi tunashakire ibisubizo ibibazo byose twakiriye mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi.

Mu gihe ikibazo kizaba gisaba gukorerwa iperereza rihagije n'igihe cyo kugikemura, tuzakumenyesha igihe nyacyo cyo kuza gufata igisubizo.

## **1. INTANGIRIRO**

Kaminuza y'Umutara yatangijwe nk'Ishuri rikuru muri 2006, itangirizwa ahakoreraga ishuri ryisumbuye ry'Ubuhinzi n'Ubworozi, ritangira rifite ibikoresho bike by'ipimiro, aho kwitoreza umwuga, ibikoresho, aho kwigishiriza n'ibindi. Mu mwaka wa 2009 nibwo byashyizwe mu Igazeti ya Leta iri shuri rigirwa rimwe mu mashuri makuru ya Leta ubu rikaba rifashwa na Leta.

## **2. ICYEREKEZO**

Kugira uruhare mu iterambere rirambye binyuze mu gutanga abakozi b'impuguke hifashishijwe ubumenyi n'ibikoresho bihari.

## **3. INTEGO**

Kwigisha no gusobanurira abanyeshuri ndetse n'abaturiye iyi kaminuza muri rusange binyuze mu bushakashatsi, hakoreshwa ubwenge n'Ubumenyingiro bigamije guteza imbere Igihugu cyacu.

## **4. Inshingano z'Ingenzi**

Inshingano z'Ingezi za Kaminuza y'Umutara ni izi zikurikira:

- Kubaka iyi kaminuza ikemerwa ku rwego rw'Igihugu, ku rwo mu karere ndetse no kurwego mpuzamahanga, dufata iya mbere mu bushakashatsi no kwigisha inyigisho za siyansi n'ikoranabuhanga;
- Gutangiza amashami yigisha iby'ubwubatsi n'ibya siyansi.
- Gutanga gahunda z' uburezi/inyigisho ziha abanyeshuri ubumenyi ngiro butuma batekereza bya gihanga;
- Gukora igenemigambi no kugura ibikoresho bikoreshwa mu kwigisha.
- Guhabwa uruhushya rwo gutangiza amashami menshi na Minisiteri y'Uburezi.
- Gutegura gahunda irambye yo guhugura abakozi.
- Guteza imbere umubano n'imikoranire myiza n'izindi kaminuza cyangwa abandi bafatanyabikorwa.
- Gutanga amakuru ku buryo bwagutse ku bijyanye n'Ibibazo bitrwa na sida n'ibikenewe mu burezi byakemura ibyo bibazo.
- Kongera umubare w'abanyeshuri kugira ngo bisubize ibibazo by'igihugu aribyo bizazamura indangagaciro z'abanyarwandabihindura imyumvire yabo binatanga umutekano uhoraho.
- Guteza imbere ihame ry'uburinganire mu banyeshuri n'Abakozi
- Gukomeza guteza imbere gahunda yo kwegereza abaturage ibikorwa bibabyarira inyungu;

- Gukurikirana no kugenzura ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'Igenamigambi hibandwa ko yashyirwa mu bikorwa neza.

## 5. Indangagaciro z'ingenzi

Indangagaciro z'ingenzi zitezwa imbere na Kaminuza y'Umutara ni izi zikurikira:

- Guhora itera imbere. Kaminuza y'Umutara iharanira guhora itera imbere kugira ngo ikore neza.
- **Abantu mbere.**  
Duharanira ko abaturage bose baturiye Kaminuza y'Umutara bagira ubushobozibwo kubateza imbere.
- **Agaciro ka'Amafaranga**  
Binyuze mu gukoresha umutungo neza, tugamije gushyira agaciro mu bintu byose bikorwa n'Abaturage baturiye iyi kaminuza kugira ngo uruhare rwabo rukomeze kugaragara.
- **Imikorere myiza inyuze mubunyangamugayo**  
Gukora cyane mu bushishozi byitabwaho mu bikorwa byose bya Kaminuza y'Umutara buri gihe.  
Ishimwe ritangwa hashingiwe ku kuri.
- **Gukorera mu mucyo** bihabwa intebe mu bikorwa byose by'iyi kaminuza
- **Ubunyamwuga.** Tugamije gutanga serivisi nziza bituruka mu kunoza umwuga dukora.
- **Kubaha no gukorera hamwe** n'Umuco uturanga muri Kaminuza y'Umutara.

## **Serivisi zitangwa na Kaminuza y'Umutara**

### **1. Ubwoko bwa serivisi: Guhabwa umwanya kw' ishuri no kwiyandikisha**

<b>Serivisi ni iyihe?</b>	Uwifuza kwakirwa no kwiyandikisha mu banyeshuri: Ku banyeshuri bashya, Ugomba kuba ufite ibi bikurikira biva mu inama y'Igihugu y'Ibizamini ikwemerera gukomeza amashuli makuru.
<b>Nujuje ibisabwa?</b>	Ku banyeshuri bakomeza basabwa kwiga buri gihe kugira ngo bimukire mu wundi mwaka cyangwa basibire.
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Serivisi ishinzwe amasomo cyane cyane serivisi yo kwakira abanyeshuri no kubandika
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu saa moya za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba: (7:00 am kugeza 5:00 pm)
<b>Uhereye iyihe wasabiye serivisi, bifata iyihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	Amezi atatu :  Kwandika bitangira: mu kwezi kwa gatandatu kwa buri mwaka Bikarangira: mu kwezi kwa munani kwa buri mwaka  Ku banyeshuri bashya, bagomba gутегереza gutoranya kidashobora kurenza icyumweru. Ukundi kwiyandikisha gukorwa mu kwezi kwa munani bikarangira mu kwa cumi.
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	44,000: RWF ku banyeshuri ba Leta 44,000 RWF : Kub anyeshuli biyishyurira:
<b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>	Ku banyeshuri bashya baba aba Leta cyangwa abirihirira bagomba kuzana ibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Kuzuza impapuro zisaba</li> <li>- Gutanga kopi y'Irangamuntu</li> <li>- Amafoto atatu magufi</li> <li>- Indanga manoto zimyaka ibiri uwagatanu nuwa gatandatu</li> <li>- Icyemezo cyuko wishyuye muri banki</li> <li>- Kopi imwe iriho umukono wa noteri itangwa n'Inama y'Igihugu y'Ibizaminil</li> </ul> Ku banyeshuri bakomeza bagomba kuzuza impapuro zabigenewe bagshyiraho ikigaragaza ko yishyuye, hiyongeyeho ubwishingizi m'ubuvuzi.
<b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ujya kuro kwakira no kwandika abanyeshuri</li> <li>- Gutanga ibaruwa isaba iherekejwe n'ibyangombwa byose bisabwa kusaba bwa mbere</li> <li>- Iyo usaba yujuje ibyangomwa bisabwa, utegereeza ko watoranywa bitwara iminsi itarenze irindwi y'icyumweru.</li> </ul>

	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Utanga impapuro zujujuwe ziriho icyemezo cy'uko wishyuye kuri banki ku banyeshuri biga buri gihe ugahita wandikwa.</li> </ul>
<b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni iyihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b>	Kuri banki ya Kigali kuri konti ikurikira , A/C: 0287-583-21
<b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>	Ugize ikibazo kuri serivisi ahawe, abitanga mu nyandiko bikoherezwa ku biro by'Umuyobozi ushinzwe amasomo cyangwa akaza ubwe; bitakemuka ukabonana n'Umuyobozi wa kaminuza wungirije ushinzwe amasomo.
<b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>	Buri gihe wasura urubuga rwa interineti kuri: <a href="http://www.umutarapolytech.ac.rw">www.umutarapolytech.ac.rw</a> ubone amakuru. Ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri telefoni ikurikira: 0788777744 mu masaha y'Akazi.
<b>Impapuro zuzuzwa</b>	Impapuro zuzuzwa z'abanyeshuri ziboneka aho bandikira abanyeshuri cyangwa ku rubuga (website) <a href="http://www.umutarapolytech.ac.rw">www.umutarapolytech.ac.rw</a>
<b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Amabwiriza rusange agenga amasomo</li> <li>- Itegeko N° 21 BIS/2009 ryo kuwa 29/7/2009 rishyiraho "Umutara Polytechnic" rigena Inzego , Imikorere n'Inshingano byayo</li> </ul>

## **2. Ubwoko bwa serivisi: Gutanga icyemezo cyuko warangije, (TO WHOM IT MAY CONCERN), n'Indangamanota cyangwa ibindi byangombwa bitangwa na serivisi zishinzwe amasom**

<b>Serivisi ni iyihe? Nujuje ibisabwa?</b>	Gutanga icyemezo cyuko warangije, (TO WHOM IT MAY CONCERN), n'Indangamanota cyangwa ibindi byangombwa bitangwa na serivisi zishinzwe amasom Umunyeshuri wanditse yandika asaba ibyo byangombwa byavuzwe haruguru ariyo bigaragaza ko yari umunyeshuri wa kaminuza y'Umutara.
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Serivisi ishinzwe amasomo
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu guhera saa moyo za mugitondo kugeza saa kumi n'imwe za nimugoroba: (7:00 am to 5:00 pm)
<b>Uhoreye iyihe wasabiye serivisi,</b>	Mu minsi ibiri y'imibyizi

<b>bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	Nta kiguzi kuri iyi serivisi.
<b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Kopi y'Ikarita y'Umunyeshuri aherutse</li> <li>- Ifoto ngufi imwe</li> <li>- Icyemezo kigaragaza ko nta bitabo utaratirura cyangwa nta mwenda w'Amafarnga urimo ya serivisi y'Umutungo</li> </ul>
<b>Binyura mu yihe nzira ngo uyihabwe?</b>	Usaba mu magambo
<b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b>	Kuri banki ya kigali kwishyura imyenda ubereyemo UP kuri konti ikurikira BK A/C: 0287-583-21
<b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>	Ugize ikibazo kuri serivisi ahawe, abitanga mu nyandiko bikoherezwa ku biro by'Umuyobozi ushinzwe amasomo cyangwa akaza ubwe; bitakemuka ukabonana n'Umuyobozi wa kaminuza wungirije ushinzwe amasomo.
<b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>	Buri gihe wasura urubuga rwa interineti kuri: <a href="http://www.umutarapolytech.ac.rw">www.umutarapolytech.ac.rw</a> ubone amakuru. Ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri telefoni ikurikira: 0788777744 mu masaha y'Akazi.
<b>Impapuro zuzuzwa</b>	Impapuro zuzuzwa zabanyeshuri barangiza cyangwa kuri ofisi aho bakirira abantu.
<b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Amabwiriza rusange agenga amasomo</li> <li>- Itegeko N° 21 BIS/2009 ryo kuwa 29/7/2009 rishyiraho "Umutara Polytechnic" rigena Inzego , Imikorere n'Inshingano byayo</li> </ul>

### **3. Ubwoko bwa serivisi: Ibibazo by'uko batakoze ibizami cyangwa bafite ibibazo mu ku banyeshuri**

<b>Serivisi ni iyihe?</b>	Ibibazo by'uko batakoze ibizami cyangwa bafite ibibazo mu ku banyeshuri
<b>Nujuje ibisabwa?</b>	Ku banyeshuri biga buri gihe bisaba kuba uri umunyeshuri wiga buri gihe. Iyo wakoze ibizami kandi waranize icyo gihe birakemurwa byihuse
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Serivisi ishinzwe amasomo cyane cyane serivisi igaragaaza ibibazo mu biro bishinzwe ibizamini hagaragazwa ko hari ibizamini bibura ibiro bishinzwe imibare y'Abanyeshuri

	binyuze muri serivisi ishinzwe amasomo cyangwa ishami ribishinzwe.
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere saa moya za ku manywa kugeza kuwa gatanu saa kumi nimwe: (7:00 am to 5:00 pm) haba ku banyeshuri ba kumanywa cyangwa aba ninjoro.
<b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	Iminsi ibiri y'imibyizi
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	Ntabyo
<b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>	Ugaragaza ibibazo afite agomba kuba afite ibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Urwandiko rusaba</li> <li>- Kopi y'Ikarita y'Ishuri</li> <li>- Ibyangombwa bitangwa n'ufite ibibazo</li> </ul>
<b>Binyura mu yihe nzira ngo uyihabwe?</b>	Ujya muri serivisi ishinzwe amasomo (Umuyobozi w'Ishami ubishinzwe) mu gihe ufite ibibazo byo kutitabira amasomo cyangwa umuyobozi w'Ishami mu gihe wabuze ibizami byawe.
<b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b>	Ntazo
<b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>	Ugize ikibazo kuri serivisi ahawe, abitanga mu nyandiko bikoherezwa ku biro by'Umuyobozi ushinzwe amasomo cyangwa akaza ubwe; bitakemuka ukabonana n'Umuyobozi wa kaminuza wungirije ushinzwe amasomo.
<b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>	Buri gihe wasura urubuga rwa interineti kuri: <a href="http://www.umutarapolytech.ac.rw">www.umutarapolytech.ac.rw</a> ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri iyi telefoni ikurikira: 0788777744 mu masaha y'Akazi.
<b>Impapuro zuzuzwa</b>	Impapuro zuzuzwa zabanyeshuri barangiza cyangwa kuri ofisi aho bakirira abantu.
<b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Amabwiriza rusange agenga amasomo</li> <li>- Itegeko N° 21 BIS/2009 ryo kuwa 29/7/2009 rishyiraho "Umutara Polytechnic" rigena Inzego , Imikorere n'Inshingano byayo</li> </ul>

#### **4. Ubwoko bwa serivisi: Gusaba gukosorwa bwa kabiri nogukora ikizami utakoze**

<b>Serivisi ni iyihe?</b>	Gusaba gukosorwa bwa kabiri nogukora ikizami utakoze :
<b>Nujuje ibisabwa?</b>	Ku banyeshuri bakomeza bisaba ko biga buri gihe. Kuba barakoze ibizami cyangwa barize mu ishuli bituma abhabwa uburenganzira bwo gusubirirwamo ibizami atakoze cyangwa akosorwa bwa kabiri.
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Serivisi ishinzwe amasomo cyane ahabonetse ibibazo mu bizamini ibyo bibazo byoherezwa muri serivisi y'Ibizami bikandikwa n'Ishami ryamasomo rikabimenya.
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu saa moya za mugitondo kugeza saa kumi nimwe za nimugoroba ku banyeshuri biga ku manywa nabiga kumugoroba: (7:00 am to 5:00 pm)
<b>Uhereye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	Mu minsi itatu y'akazi
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	Nta kiguzi cyo gusaba ikizami.
<b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>	Kugira ngo ubone serivisi yavuzwe haruguru ugomba gutanga ibi bikurikira: <ul style="list-style-type: none"> <li>- Urwandiko rusaba</li> <li>- Kopi y'Ikarita y'Ishuli</li> <li>- Ibindi byangombwa bisobanura impamvu wasibye ikizami birimo urwandiko rwa muganga wemewe na Leta</li> <li>- Icyemezo cy'uko wishyuriye gukosoza ikizamini kuwukosoza</li> <li>- Icyemezo cy'uko wari urwaye</li> </ul>
<b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ujya mu bunyamabanga rusange bwa serivisi ishinzwe amasomo mu gihe usaba gukora ikizami utakoze wandika ubusaba ugategereza mu gihe k'iminsi ibiri.</li> <li>- Iyo ushaka ko basubiramo kugukosora ugana serivisi ibishinzwe ukandika ubisaba. Uzategereza igisubizo mu gihe cy'ibyumweru bibiri bitewe no kuboneka kw'abakosora.</li> </ul>
<b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya</b>	Ntazo

<b>serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b>	
<b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>	Ugize ikibazo kuri serivisi ahawe, abitanga mu nyandiko bikoherezwa ku biro by'Umuyobozi ushinzwe amasomo cyangwa akaza ubwe; bitakemuka ukabonana n'Umuyobozi wa kaminuza wungirije ushinzwe amasomo.
<b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>	Ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri iyi telefoni ikurikira: 0788777744 mu masaha ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri iyi telefoni.
<b>Impapuro zuzuzwa</b>	Ntazo
<b>Amategeko cyangwa izindi nyandiko zivuga kuri iyi serivisi</b>	Amabwiriza rusange agenga ibizamini

## **5. Ubwoko bwa serivisi: Kwakira abanyeshuri/Gutanga ibizamini no gusimbuza abanyeshuri bataje**

<b>Serivisi ni iyihe?</b>	Kwakira abanyeshuri/Gutanga ibizamini no gusimbuza abanyeshuri bataje :
<b>Nujuje ibisabwa?</b>	Ku banyeshuri bakomeza, bagomba kwiyandikisha muri uwo mwaka.
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Ugana serivisi ishinzwe amasomo cyane cyane gutanga imyanya ku banyeshuri no kwiyandikisha
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere guhera saa moya za mugitondo kugeza kuwa gatanu saa kumi nimwe za nimugoroba: (7:00 am to 5:00 pm)
<b>Uhereye ige wasabiye serivisi, bifata ige kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	Ako kanya ukimara kubisaba
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	Nta kiguzi kuri iyi serivisi.
<b>Ni ibihe byangombwa bisabwa kugira ngo uyihabwe ?</b>	Ntabyo
<b>Binyura muyihe nzira ngo uyihabwe?</b>	Ugana serivisi ishinzwe amasomo cyane cyane gutanga imyanya ku banyeshuri no kwiyandikisha.
<b>Ese hari izindi nzego bisaba kunyuramo? Ni izihe? (Urugero,nko kwishyura igiciro cya</b>	Ntazo

<b>serivisi cyangwa gushaka ibindi byangombwa)</b>	
<b>Ese hari uburyo bwo kurenganurwa mu gihe udahawe iyo serivisi?</b>	Ugize ikibazo kuri serivisi ahawe, abitanga mu nyandiko bikoherezwa ku biro by'Umuyobozi ushinzwe amasomo cyangwa akaza ubwe; bitakemuka ukabonana n'Umuyobozi wa kaminuza wungirije ushinzwe amasomo.
<b>Hari ibindi by'ingenzi bikenewe kumenywa kugira ngo ubone iyo serivisi?</b>	Ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri iyi telefoni ikurikira: 0788777744 mu masaha ukeneye ayandi makuru wahamagara kuri iyi telefoni.
<b>Impapuro zuzuzwa</b>	Ntazo
<b>Ibyangombwabisabwa n'amategeko</b>	Ntabyo

## **6. Ubwoko bwa serivisi: Kubona/Gufata Impamyabushoboz indangamanota nyuma yo kurangiza kwiga**

<b>Serivisi ni iyihe?</b>	Kubona /gufata Impamyabushoboz n'Indangamanota nyuma yo kurangiza kwiga
<b>Nujuje ibisabwa?</b>	
<b>Ni hehe serivisi itangirwa</b>	Ubuyobozi bwa serivisi ishinzwe amasomo
<b>Serivisi itangwa ryari?</b>	Kuwa mbere kugeza kuwa gatanu uhoreye saa moyo zamugitondo kugeza saa kumi nimwe zanimugoroba (7:00 am to 05:00 pm)
<b>Uhoreye igihe wasabiye serivisi, bifata igihe kingana iki kugira ngo uyihabwe?</b>	Iminsi itatu y'imibyizi
<b>Ni ikihe kiguzi gisabwa kugira ngo ubone serivisi?</b>	Nta kiguzi kuri iyi serivisi. Usibye amafaranga ibihumbi bitanu yishyurwa mbere yo kurangiza kwiga (5000 r wf).
